# REPUBULIKA Y'U RWANDA

# MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU

## AMABWIRIZA YO GUKUMIRA IKWIRAKWIRA RYA KORONAVIRUSI MU MUJYI WA KIGALI, NYAMASHEKE NA NYAMAGABE

Dushingiye ku busesenguzi bwakozwe n'inzego z'ubuzima ku cyorezo cya Koronavirusi (COVID-19) mu Mujyi wa Kigali, no mu turere twa Nyamasheke na Nyamagabe;

1. **Guhera ejo tariki ya 17/08/2020, ibice bikurikira bikuwe muri guma mu rugo:**

**A. Mu mujyi wa Kigali**:

Imidugudu (Indamutsa, Intiganda na Tetero) y'akagari ka Tetero, umurenge wa Muhima, mu karere ka Nyarugenge.

**B. Mu karere ka Nyamagabe:**

- Akagari ka Kigeme (ukuyemo umudugudu wa Gakoma), umurenge wa Gisaka

- Akagari ka Ruhunga, umurenge wa Kibirizi.

**C. Mu karere ka Nyamasheke:**

Utugari twose (Mubuga, Gitwa, Butare na Jarama) two mu Murenge wa Gihombo.

2. **Umudugudu wa Gakoma, akagari ka Kigeme, umurenge wa Gasaka, mu karere ka Nyamagabe urakomeza gahunda ya guma mu rugo;** kugeza isesengura ry'inzego z'ubuzima rigaragaje ko nta cyorezo cya Koronavirusi kikihagaragara.

AS

3. Abatuye mu mudugudu wagumye muri gahunda ya guma mu rugo barasabwa gukomeza kubahiriza amabwiriza abigenga.

4. Inzego z'ibanze n'iz'umutekano zirasabwa gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza.

5. Abaturarwanda bose barasabwa gukomeza kubahiriza amabwiriza yo kwirinda Koronavirusi yatanzwe n'inzego z'ubuzima, haba hagize ugaragaraho ibimenyetso cyangwa ubonye ubifite agahamagara umurongo utishyurwa 114.

Bikorewe i Kigali ku wa **16 Kanama 2020**

**Prof. SHYAKA Anastase**
Minisitiri